



GUSHISHIKARIZA ABATUYE IMIJYI KUBUNGABUNGA URUSOBE RW'IBIRIBWA

**Ikurikiranabikorwa n'isuzuma ry'ibikorwa byo kubungabunga Urusobe
rw'ibiribwa mu turere twa Rubavu na Rusizi**

WERURWE, 2023

**Swiss Tropical and Public Health Institute (Swiss TPH)
KG 501 St 9 Kigali Rwanda**

IBIRIMO



1. Incamake	1
2. Iriburiro	2
2.1. Urusobe rw'ibiribwa n'iterambere ry'imijyi	2
2.2. Ibikubiye muri aka gatabo n'intego yako	3
3. Urusobe rw'ibiribwa	3
3.1. Urusobe rw'ibiribwa ni iki?	3
3.2. Ibikorwa bigize urusobe rw'ibiribwa	4
4. Akamaro ko kubungabunga urusobe rw'ibiribwa mu bice by'imijyi	5
4.1. Urusobe rw'ibiribwa mu duce tw'imijyi	5
4.2. Ubuhinzi n'ubworozi bo mu bice cy'umujyi	6
5. Uburyo bwo gushishikariza abatuye umujyi mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza	7
6. Ibipimo ngenderwaho mu gukurikirana uburyo bwo kubonera abatuye imijyi ibibatunga bihagije	7
7. Ikirukiranabikorwa n'isuzuma ry'ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa kwihaza mu biribwa	8
8. Umusozo	10
9. Izindi nyandiko n'imbuga wasoma	10
Imigereka	12



1.Incamake



Iyi nyandiko yateguwe n’umuryango Swiss Tropical and Public Health Institute (Swiss TPH) Uterwa inkunga n’ikigo cy’iterambere cy’Abasuwisi, ugamije iterambere ry’ubizima rusange ukorera mu bihugu bitandukanye byo ku isi. Swiss TPH ni umwe mu miryango ishyira mu bikorwa umushinga NICE ugamije guteza imbere imirire iboneye mu gute tw’imijyi. Iyi nyandiko igamije gutanga umurongo ngenderwaho mu gukangurira abatuye ibice by’umujyi guteza imbere no kubungabunga urusobe rw’ibiribwa. Isobanura neza icyo urusobe rw’ibiribwa aricyo, ibikorwa bigize urusobe rw’ibiribwa, uburyo bwo gukangurira abatuye imijyi kubungabunga urusobe rw’ibiribwa, ibipimo ngenderwaho mu gukurikirana ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw’ibiribwa, ndetse n’uburyo bwo gukurikirana ibikorwa muri uru rwego.

Iyi nyandiko igenewe amahuriro yashyizweho mu turere dukorana n’uyu ushingira mu turere twa Rusizi na Rubavu ikazabafasha iteganyabikorwa n’ikurikiranabikorwa kuva ku rwego rw’akarere, umurenge, akagari n’umudugudu. Uburyo bwo gukurikirana no gusuzuma ibikorwa bushingira ku igenamigambi rihamye. Kubijyane no kubungabunga urusobe rw’ibiribwa, abagira uruhare bose muri ibi bikorwa bagomba kugira ubumenyi mu igena migambi, isuzuma n’ikurikirana bikorwa ndetse n’ibipimo ngenderwaho mu gukurikirana uko urusobe rw’ibiribwa rubungabungwa.

Intego y’iyi nyandiko rero n’ugushyiraho uburyo bw’ikurikiranabikorwa bugamije gukurikirana uko ibikorwa byo kongera ibiribwa ku rwego rw’imijyi bikorwa n’uburyo ibipimo byabugenewe bikusanywa bigakorerwa raporo ku nzego zose z’imiyoborere.

Ibipimo byashyizwe muri iyi nyandiko ni byinshi bizafasha buri wese uzakoresha iyi nyandiko kuba yatoranyamo ibipimo bijyanye n’ibyo akora mu iterambere ry’imibereho by’abatuye imijyi n’icyaro cyegereye imijyi.

Ku isi yose, urwo rusobe rw'ibiribwa rwugarijwe n'ibibazo bitatu by'ingutu:

- Bivugwa ko 50% by'abaturage b'isi ubu batuye mu mijiyji kandi uwo mubare uzakomeza kwiyongera ugera kuri 70% mu mwaka wa 2050. Buri muni, abatuye imijiyji bakenera ibiribwa byiza kandi bisukuye byujuje ubuziranenge. Ku rundi ruhande kandi kubonera ibiribwa uwo mubare munini w'abatuye imijiyji wiyongera buri muni bikomeza kubera umutwari abashinzwe iterambere ry'imijiyji. Kubera imihindagurikire y'ikirere, ubutaka bwo guhinga bugenda bugabanuka, igabanuka n'ubuke bw'ibitanga ingufu n'iby'ibanze bikenerwa n'inganda, ubuke bw'amazi cyane ayo kuhira imyaka, bituma kubona ibiribwa byiza kandi bihagije bigenda bikomera mu mijiyji umunsi ku wundi.

Ibi bivuzwe haruguru, bituma imihingire isanzwe itagishoboye gutanga ibitunga abatuye mu mijyi n’uduce tuyikikije ku buryo bushimishije. Kwiha mu biribwa n’imirire myiza cyane cyane ku batuye mu mijyi b’amikoro make bikomeje kandi gukomera ku buryo niba nta gikozwe bizakomeza kuba ingorabahizi cyane cyane bitewe n’ihindagurika ry’ibiciro ku masoko, ahanini biterwa n’ngaruka z’ibiza bitandukanye, ihindagurika ry’ikirere, n’ibindi. Ibi rero bibaba bisaba imbaraga n’imikorere bidasanwe cyane cyane ku nzego zishinzwe gushakira imibereho myiza abaturage.

Guteza imbere ibikorwa byo kubona ibiribwa mu buryo butangiza ibidukikije kandi burambye hibandwa ku guhuza ibikorwa mu cyaro no mu mijyi kandi hifashishwa abafatanyabikorwa bose muri uru rwego; bizafasha abahinzi n’aborozi baciriritse ndetse n’abatuye imijyi b’amikoro make kandi bizafasha kubonera imirimo idashingiye ku buhinzi cyane cyane urubiruko n’abagore.

Mu bihugu byinshi, iterambere ry'ubukungu rizana n'iterambere ry'imijyi. No mu Rwanda niko bimeze aho Leta y'u Rwanda yashyizeho gahunda y'iterambere ry'imijyi hibandwa ku guteza imbere umujyi wa Kigali ndetse n'imijyi yindi yunganira Kigali. Mu mwiherero w'abayobozi bakuru b'igihugu wa 15 wabaye muri 2018, umwe mu myanzuro yavuyemo wavugaga ko hagomba kuba iterambere ryihuse ry'imijyi yunganira Kigali. Rubavu na Rusizi n'imwe muri iyo mijyi. Indi ni Muhanga, Nyagatare, Musanze an Huye. Rubavu

2

na Ruzisi rero nk'indi mijyi irimo gukura byihuse ihura n'ibibazo bitandukanye biterwa n'uwo muvuduko w'iterambere.

Ni ngombwa rero ko inzego za tekiniken'izishinzwe imiyoborere n'iterambere ry'utu turere zisobanukirwa neza uburyo burambye bwakoreshwa mukubonera abatuye iyo mijyi ibiribwa bihagije kandi byiza. Bagomba kandi gusobanukirwa n'uburyo bukwiye byo gukurikirana ibikorwa by'iterambere ry'uruhererekane nyongeragaciro mu biribwa n'uburyo bwa nyabwo bwo gushaka ibitunga abantu hatabangamiwe ibidukikije. Aka gatabo kagamije guha ubumemyi amatsinda yashyizweho muri utu turere agamije iterambere ry'ibiribwa n'imirire myiza.

2.2. Ibikubiye muri aka gatabo n'itege yako



Aka gatabo gakubiyemo kandi amwe mu mahame yo gukora ubukangurambaga bugamije gushishikariza abatuye imijyi uburyo bwo gushaka ibiribwa kugira ngo biboneke mu mijyi bigwiriye bityo n'abatuye muri iyo mijyi b'amikoro make babashe kubibona. Ku mugereka wako hari ibipimo bikoreshwa mu gukurikirana ibikorwa ndetse no gukora raporo zijyanye n'ibyagezweho mu gushaka ibiribwa bihagije ku rwego rw'umujyi.

Aka gatabo kazifashishwa n'amahuriroyo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa no guteza imbere ibiribwa n'imirire myiza mu turere mu gushishikariza abatuye imijyi gushaka ibiribwa bihagije. Ibipimo ngenderwaho mu gukurikirana uko urusobe rw'ibiribwa n'imirire myiza bizakoreshwa ku iteganyabikorwa n'ikurikirana bikorwa ku nzego zose (akarere, umurenge, akagari, umudugudu). Aka gatabo kandi karimo uburyo bwo gutanga raporo kuri buri rwego mu bijyanye no kubonera abatuye imijyi ibiribwa.

3. Urusobe rw'ibiribwa




3.1. Urusobe rw'ibiribwa ni iki?



Urusobe rw'ibiribwa ni ibikorwa byose bikorwa n'abagenerwabikorwa n'inzego zifasha abaturage kugira ngo ibiribwa biboneke kuva mu murima kugeza bigeze ku meza. Urusobe rw'ibiribwa ntirukwiye kwitiranywa n'uruhererekane nyongeragaciro.

Urusobe rw'ibiribwa rugizwe n'ibikorwa by'abafatanyabikorwa batandukanye mu kongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi cyangwa ubworozi kuva bihinzwe cyangwa byorowe, gukusanya umusaruro, gutunganya umusaruro, kugeza ibiribwa aho bikenewe, gutegura no kugabura amafunguro ndetse n'uburyo bwo kwegeranya no gukuraho ibisigazwa bikomoka ku biribwa (Igishushanyo cya 1). Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita ku Biribwa n'Ubuhinzi ku Isi (FAO) risobanura ko urusobe rw'ibiribwa ahanini rugizwe n'ibiribwa byose bishamikiye ku buhinzi, ubworozi, amashyamba, ubuho byi n'ubworozi bw'amafi ndetse n'ibindi bikorwa byose by'iterambere no kurengera ibidukikije bihurizwa hamwe kugira ngo ibiribwa bishobore kutugeraho neza. Ibikorwa byose bigize urusobe rw'ibiribwa harimo kubona

inyongeramusaruro n'izindi servisi zo mu ruhererekane nyongeragaciro bifasha cg bibangamira uko ibiribwa biva aho bihingwa cg byororerwa bigera ku babikeneye.²



Igishushanyo cya 1: Ibikorwa bigize urusobe rw'ibiribwa

Uruhererekane nyongeragaciro ku rundi ruhande, ni ibikorwa byose bikorwa kuva umusaruro utegurwa kugera ugeze ku muguzi. Bitandukanira ko hamwe harimo uko ibikorwa bisobekeranye kandi bifite aho bihurira bikaba byafasha mu kongera cyangwa kugabanya ibidutunga naho uruhererekane nyongeragaciro rwo rukaba ari ibyo bikorwa hatitawe ku ngaruka bigira ku iboneka cyangwa ibura ry'ibidutunga.

3.2. Ibikorwa bigize urusobe rw'ibiribwa



Hari ibikorwa 6 bigize urusobe rw'ibiribwa³. Ahanini ibyo bikorwa bigizwe n'ubushabitsi bugamije kubona ibiribwa. Ibyo bikorwa ni:

1. Guhinga cyangwa korora ibikenewe mu mirire (harimo ubuhinzi cyangwa ubworozi bukorerwa mu mijyi, mu nkengero zayo no mu mu duce tw'icyaro)
2. Kongerera agaciro umusaruro,
3. Ubucuruzi bwo kuranguza n'ubwikorezi bw'umusaruro

² B10 - 2 Food systems and value chains: definitions and characteristics | Climate Smart Agriculture Sourcebook | Food and Agriculture Organization of the United Nations (fao.org)

³ Community Food Systems - UI Extension in Payette County (uidaho.edu)

4. Kudandaza ibiribwa
5. Gutegura amafunguro
6. Uburyo bwo gusukura, gutunganya no kongera no gukoresha ibisigazwa by'ibiribwa

Imijyi igira umwihariko w'ibikorwa bigamije kugeza ibiribwa ku babikeneye nko mu bushabitsi bw'ubudandazi aho mu mujyi usanga haboneka: abaranguza amaguriro manini (supermarkets), amaduka mato asanzwe, abacururiza ku mihanda, abagemura ibiribwa mu ngo. Ibi ni bimwe mu bitanga akazi kenshi mu mijyi kandi bigafasha abatuye imijyi kubona ibiribwa bitabagoye.

4. Akamaro ko kubungabunga urusobe rw'ibiribwa mu bice by'imijyi



4.1. Urusobe rw'ibiribwa mu duce tw'imijyi



Ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa bifasha kurushaho gutanga umusanzu muri gahunda n'intego zirimo guhanga imirimo, guteza imbere imirire myiza n'ubuzima bwiza, kubungabunga ibidukikije no kwihaza mu biribwa. Buri rwego muri izi zivuzwe haruguru rufasha muri gahunda yo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa narwo rugira uruhare ku ntego nkuru zo kurwanya ubukene n'imibereho myiza y'abaturage.

Uruhare rw'ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa rugaragaza ingaruka nziza mu ngeri nyinshi nubwo rimwe narimwe hataburamo ibigira ingaruka mbi. Bimwe mu bigaragazwa nk'akamaro k'urusobe rw'ibiribwa ni ibi bikurikira:

- Gukurikirana ibipimo by'ubukungu n'imibereho myiza: Kwihaza mu biribwa no guteza imbere imirire myiza mu duce tw'imijyi ni bimwe mu bigaragaza imibereho myiza n'ubuzima muri rusange by'abatuye imijyi. Nkuko ibiribwa aricyo kintu cya mbere benshi mu batuye imijyi bashyiramo amafaranga cyane cyane imiryango ikennye, ibiciro by'ibiribwa nirwo rugero rwa mbere rugaragaza ko imiryango ikennye cyangwa ishonje.
- Guteza imbere imibereho myiza y'abatuye imijyi: Kwihaza mu biribwa no mu mirire myiza y'abatuye umuyi ni kimwe mu bimenyetso bigaragaza imibereho n'ubuzima bwiza bw'abatuye umujyi. Umuryango w'abibumbye wita ku buhinzi n'ibiribwa ku isi (FAO) ugaragaza ko nibura 50% by'abatuye uduce tw'imijyi bari mu cyiciro cy'abafite amikoro make, batabona ibibatunga bihagije ugereranyije na 43% mu duce tw'icyaro.
- Kugira uruhare mu iterambere rw'igihugu: Ubundi abaturage bafite ubuzima bwiza niba bakora bagashobora kwiteza imbere bivuze ko guteza imbere imirire mu duce tw'imijyi bishobora kugira uruhare rutaziguye mu iterambere rw'igihugu.
- Guteza imbere indi mirimo yinjiza idashingiye ku buhinzi: Kwiyongera kw'abakenera ibiribwa runaka, kwiyongera kw'abarya ibiribwa byavuye mu nganda, gukenera intungamubiri zitandukanye cyane iziganjemo ibyubaka umubiri (proteine) bikomoka ku matungo hyongereyeho gufatira kenshi amafunguro ahatari mu rugo byagize uruhare mu kongera amafaranga acuruzwa ahatangirwa serivise zo kugaburira abantu aho ku rwego rw'isi mu mwaka wa 2017 byinjije amafaranga miliyari 7,8 z'amadolari y'Amerika.

- Ingaruka ku buzima rusange: Guhindura imirire bigira kandi ingaruka ku buzima mu buryo butandukanye. Mubibazo nka 11 byugarije isi, 6 muri byo biterewe n'ingaruka z'imirire akenshi twita ko ari myiza. Bimwe muri ibyo biribwa biteza ibibazo harimo ibinure byinshi, amasukari, ibinyobwa bidasembuye biryohereye, inyama zitukura cyangwa ibindi biribwa byavuye mu nganda, ibi byose bifite ingaruka ku gutera indwara nyinshi zitandura zirimo indwara y'umutima na diyabete.
- Ingaruka ku bidukikije: Ibikorwa byo kubungabunga urusobe rwo'ibiribwa ni kimwe muri bimwe mu bigira uruhare mu kwangiza ikirere byohereza imyuka yangiza ikirere bigateza ihindagurika ry'ibihe. Buri gikorwa kuva ku buhinzi cyangwa ubworozi, kongerera agaciro umusaruro, ubwikorezi bw'umusaruro, ubucuruzi ndetse no gutegura amafunguro kugeza n'uburyo abantu bafata ibisigazwa by'ibiribwa byose bigira uko byangiza ikirere. Bivugwa ko ibikorwa by'ubuhinzi byonyine byihariye 25% byo kohereza mu kirere imyuka yangiza ikirere (cyane itera ubushyuhu) naho ibikorwa bindi nyuma yo gusarura bikaba byongera 6% ku myuka yangiza ikirere.
- Kwihutisha iterambere: Ku rundi ruhande ariko ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa bifite uruhare mu guteza imbere ibikorwa bitandukanye by'iterambere rw'abatuye umujyi ndetse n'icyaro bikaba bifasha abantu mu guhangana n'ingaruka zihindagurika ry'ibihe, guhangana n'ibiza bitandukanye ndetse bikanagabanya kuba abantu bazahanzwa n'ibiza biramutse bibayeho. Aha hagaragamo cyane ibikorwa byinjiza amafaranga bishamikiye ku buhinzi n'ubworozi bikunze kuboneka mu duce tw'imijyi.
- Guhanga akazi: Urusobe rw'ibiribwa kandi ni isoko y'imirimo itandukanye mu duce tw'imijyi cyane ibijyanye no kongerera agaciro umusaruro, gutwara no gukwirakwiza ibiribwa (rimwe na rimwe no kwegeranya cyangwa guhindura ibisigazwa bikomoka ku biribwa. Abikorera bato n'abaciriritse cyane cyane abagore n'urubyiruko babona akazi mu bikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa mu bice by'umujyi. Ibikorwa byo kongerera agaciro umusaruro biri mu bikorwa bikoresha abantu benshi kandi rimwe na rimwe bidakenera ubumenyi bwinshi ahanini bikaba biri mu byateje imbere guhanga akazi mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

4.2. Ubuhinzi n'ubworozi bo mu bice cy'umujyi



Ubuhinzi n'ubworozi bwo mu mijyi bushobora gusobanurwa nko guhanga imyaka no korora amatungo mu mijyi no hafi yayo hakiyongeraho ubucuruzi bw'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi. Ikintu kigaragara cyane mu buhinzi bwo mu mijyi, kibutandukanya n'ubuhinzi bwo mu cyaro, ni uko bwinjizwa muri gahunda y'ubukungu n'ibidukikije mu mijyi: Igishushanyo cy'iterambere rw'umujyi kidateganya ahazaturwa n'ahazakorera ibikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi n'ubucuruzi bw'ibibukomokaho ntabwo kiba cyuzuye. Akenshi usanga ubuhinzi n'ubworozi bwo mu mijyi bikoresha ubutaka buto, bugakenera inyongeramusaruro zihagije kugira ngo haboneke umusaruro mwinshi ku butaka buto. Niyo mpamvu rero ihame ryo kurengera ibidukikije no gucunga neza umutungo kamere rigomba kubahirizwa mu gihe hakorwa ubuhinzi n'ubworozi byo mu mujyi.

Umwihariko w'umujyi nuko haba hahurira abantu benshi, bityo kubona abakozi basobanukiwe nubu buhinzi bikaba byakoroha. Kuba hahurira ibicuruzwa bitandukanye byoroshya kubona ibiribwa byose. Ingaruka mbi zaturuka ku mihingire mibi mu mijyi nazo zagira ingaruka ku bantu benshi kubera ubucucike bw'imiturire mu mijyi niyo mpamvu iteganyabikorwa ry'ubuhinzi mu mijyi rigomba gukorwa neza.

5. Uburyo bwo gushishikariza abatuye umujyi mu kwihaza mu biribwa n'imirire myiza



Kugira ngo abatuye uduce tw'umujyi bashobore kubona ibibatunga bihagije kandi n'imirimo ikomoka ku kubungabunga urusobe rw'ibiribwa yiyongere; ni ngombwa ko abatuye umujyi bashishikarizwa ibikorwa byo kongera ibiribwa ariko bikorwa mu buryo burambye.

Imbonerahamwe ikurikira igaragaza ibikenewe kugira ngo abatuye umujyi bashishikarizwe kwitabira ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa mu buryo burambye.

Imbonerahamwe ya 1: Ibikorwa byo gushishikariza abatuye umujyi kubungabunga urusobe rw'ibiribwa

Abagenerwabikorwa	Abakora ubukangurambaga	Uburyo bukoreshwa
Abahinzi n'aborozi	Abakozi babyigiye, abayobozi b'inzego z'ibanze, imiryango itari iya Leta	Inama, ubutumwa kuri radio na televiziyo, ubutumwa kuri za telefone, amahugurwa
Abatunganya umusaruro	Abakozi babyigiye, abayobozi b'inzego z'ibanze	Inama, gusurwa aho bakorera, amabaruwa n'amabwiriza yanditse
Abacuruza ibiribwa	Abakozi babyigiye abayobozi b'inzego zi'ibanze	Inama, gusurwa aho bakorera, amabaruwa n'amabwiriza yanditse
Abagabura ibiribwa bitunganyijwe	Abakozi babyigiye, abayobozi	Inama, gusurwa aho bakorera, amabaruwa n'amabwiriza yanditse
Abakora mu nzego zunganira abahinzi	Abayobozi, imiryango itari iya leta	Inama nyunguranabitekerezo, amabaruwa y'amabwiriza, amahugurwa

Ubukangurambaga buba bugomba gutegurwa hakabaho gahunda y'ubukangurambaga ikamenyeshwa abafatanyabikorwa bose. Ingingo zizakorwaho ubukangurambaga n'amatariki buzakorera biba bigomba gukorwa igihe cy'igenamigambi. Amataliki n'uburyo buzakoreshwa mu bukangurambaga bigomba kuba bitabangamiye indi mirimo iteza imbere abaturage. icyo buri mufatanyabikorwa azakora kigomba kuba giteguye kugira ngo hirindwe kugongana no kuvuguruzanya. Iyo bibaye byiza inyandiko zabugenewe zitegurwa kare zikagezwa ku bagomba gukora ubukangurambaga. Hagomba gukorwa raporo z'ubukangurambaga zigashyikirizwa inzego zisumbuyeho kandi ibibazo bibazwa n'abagenerwabikorwa bikihutishwa kubona ibisubizo.

6. Ibipimo ngenderwaho mu gukurikirana uburyo bwo kubonera abatuye imijyi ibibatunga bihagije



Urwego rw'umujyi rushobora kwifuza kugira igikoresho kuzarufasha mu gukusanya amakuru yerekeranye n'ishusho y'uko ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa bimeze mu gihe runaka. Iki gikoresho

kifashishwa mu gukusanya aya makuru gifasha mu iteganyabikorwa n'ikurikiranabikorwa rya gahunda zitandukanye zigamije gufasha abatwariye kongera umusaruro, kwihaza mubiribwa, imirire myiza n'iterambere muri rusange. Bimwe mu bibazo iki gikoresho gufasha gusubiza n'ibi bikurikira:

- Ninde ugaburira abatwariye umujyi cyangwa ibiribwa bikenerwa mu mujyi bituruka he?
- Nihe hari imbaraga nkeya mu bikorwa bigamije kubungabunga urusobe rw'ibiribwa?
- Ni gute abatwariye umujyi bakomeza kubungabunga urusobe rw'ibiribwa kugira ngo bikomeze kuboneka mu gihe kirambye
- Ni ikihe gice cy'umujyi, ni ikihe gice cy'urukerekane nyongeragaciro, ni ikihe gice cy'abatwariye cy'abatwariye abafatanyabikorwa bazagirwaho ingaruka n'ibangamirwa ry'urusobe rw'ibiribwa?
- Ni ibihe bikorwa bikenerwa kugira ngo habungabungwe urusobe rw'ibiribwa rubereye umujyi (bijyanye na buri rwego rugize urusobe rw'ibiribwa)?
- Ni akahe kamari ndetse n'imbaraga zikenewe ku bayobozi ku nzego zitandukanye kugira ngo urusobe rw'ibiribwa rubungabungwe ku rwego rw'umujyi?
- Ni gute izo nshingano zihura kandi imbaraga z'inze zitandukanye zigahurizwa hamwe kugirango urusobe rw'ibiribwa rubungabungwe?

Ibipimo ngenderwaho ni ibipimo bishobora kubara mu buryo bw'imibare hagaragazwa igitekerezo cyangwa ikintu kidashobora gupimwa bisanzwe. Ni ibipimo bikorwa mu gupima uko intego zigenda zigerwaho. Ibipimo ngenderwaho rero biba bishamikiye kubikorwa runaka hanyuma abateguye ibikorwa bagashyiraho uko bazapima ko intego zigenda zigerwaho, uko ibikorwa byo guteza imbere urusobe rw'ibiribwa no kwihaza mu biribwa bikurikirana n'uko ibyo bikorwa bishyirwa mu bikorwa kugira ngo bigere ku ntego ziyemejwe. Ibi bipimo kandi bikaba bifasha mu igenamigambi ku nzego zitandukanye. Iyo iri teganyabikorwa rikozwe neza rifasha inzego zose zihurira muri ibi bikorwa kumenya uko zigomba gukorana ndetse nahakenewe imbaraga kurushaho. Ibi bikorwa mu ikurikirana bikorwa n'isuzuma turi buvuye mu gika gikurikiyeho.

Ibipimo bishobora kugabanywamo ibice bishingiye kukubahiriza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye hagaragazwa ibipimo bitandukanye ku bagore n'abagabo, imyaka, icyiciro cy'ubukungu, amafaranga umuturage yinjiza cyangwa izindi mpinduka zishingiye ku mibereho cyangwa imirimo abantu bakora.

Ibipimo ngenderwaho (reba umugereka. Wa 1) mu gukurikirana ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa bikubiye mu nzego zikurikira:

- Uburyo bwo korohereza abafatanyabikorwa
- Guhanga no kubona imirimo ihemberwa hamwe n'ubuhinzi cyangwa ubworozi bwinjiza
- Kwihaza mu biribwa (kuboneka no kugira uburyo bwo kubigeraho)
- Kubona ibiribwa byiza bitandukanye kandi byujuje intungamubiri
- Guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi ku buryo burambye kandi bubungabungwa urusobe rw'ibidukikije
-

7. Ikurikiranabikorwa n'isuzuma ry'ibikorwa byo kubungabunga urusobe rw'ibiribwa kwihaza mu biribwa



Ikurikiranabikorwa n'isuzuma ni igikorwa cyo kureba uko intego zari zarashyizweho zashyizwe mu bikorwa no gupima ibyagezweho. Ibi bifasha mu kumenya impinduka zagezweho mu gihe runaka.

Ikurikiranabikorwa ni igikorwa gihoraho naho isuzumabikorwa riteganyirizwa igihe runaka rikorerwa. Urugero, mu gukurikirana ibikorwa by'imibereho myiza y'abaturage, umukozi ushinze ubuzima, isuku n'isukura ashobora gukora ingendo hirya no hino mu tugari areba uko abantu bita ku isuku mu ngo no ku mubiri. icyo gihe aba arimo gukora ikurikiranabikorwa. Ashobora kandi gusaba ba SEDO b'utugari kumugezaho raporo za buri kwezi zigaragaza uko ibipimo bihaye mu igenamigambi ry'umwaka bigenda bigerwaho buri kwezi. icyo gihe aba akoze isuzumabikorwa. Urutonde rw'ibipimo bisuzumwa rushobora kuba rugizwe n'ibijyanye na gahunda yo guca ibiribwa bitemewe, ubwoyongere bw'imirimo itari ubuhinzi mu miji, ibikorwa mu bijyanye no gutunganya umusaruro, gukwirakwiza no guhanahana ibiribwa ndetse no mu gutunganya no gucunga imyanda ikomoka ku birirwa.

Buri rwego rufite aho ruhuriye no kubungabunga urusobe rw'ibiribwa rugomba kugira iteganyabikorwa rihamye rifite intego zumvikana. Iyipimo ngenderwaho bisobanutse ndetse na gahunda yo gukurikirana ibikorwa n'uburyo buzakoreshwa bigateganywa mbere. Kutagira iteganyabikorwa rihamye bidindiza iterambere bikanatuma inzego zihora zigongana bityo abagenerwabikorwa akaba aribo barengana.

Uburyo bumwe bumaze kumenyerwa mu Rwanda ni itegurwa n'isuzuma y'imihigo. Kuva yatangira gukoreshwa mu iteganyabikorwa ry'uturere muri 2006, imihigo yabaye igikoresho cyo gukurikirana ibikorwa bitandukanye bigamije iterambere rw'umuturage aho abayobozi biyemeza gushyira mu bikorwa imishinga ihuye n'icyerekezo cy'igihugu hanyuma bagakoresha ingengo y'imari yabugenewe kugira ngo ibyo bikorwa bigerweho⁴⁵. Imihigo yagiye ivugurwa aho ubu ituruka ku rwego rw'umuryango ikazamuka mu nzego zose z'imitegekere buri wese agakorera ku mihigo. Akenshi icyahizwe iyo kitagezweho bigira ingaruka ku utakizeho, uwesheje imihigo neza nawe agashimwa.

Mu iteganyabikorwa hagomba kugaragazwa bimwe muri ibi bikurikira:

Imbonerahamwe ya 2: Ibigize imbonerahamwe y'iteganyabikorwa

Intego rusange	Intego z'umwihariko	Iyipimo ngenderwaho	Imibare y'ibanze	Ibizagerwaho	Ibizakorwa kugirango bigerweho	Aho imibare izaturuka

Ikurikiranabikorwa n'isuzuma rero biza nyuma yo gushyira mu bikorwa igenamugambi rikareba uko ibyari biteganyijwe byagezweho, igipimo cy'ibyagezweho ugereranyije n'ibyari iteganyijwe n'ingorane zabayeho zatumye hari bitagerwaho.

Isobanuramagambo

Intego rusange: Ni intego nkuru ahanini ifatiye kuri politike yo ku rwego rw'igihugu cyangwa indi mirongo migari ikoreshwa ku rwego rw'igihugu cyangwa mpuzamahanga. Ku bijyanye n'urusobe rw'ibiribwa hashakwa intego imwe ijyanye cyangwa ihuza ibikorwa byose bigize urusobe rw'ibiribwa no kwihaza mu biribwa.

⁴ Ndauro, I. (2015). Explaining Imihigo performance in Gicumbi District, Rwanda: the role of citizen participation and accountability (2009-2014). *Research Paper, Institute of Social Sciences, The Hague*, 1-46.

⁵ Klingebiel, S., Gonsior, V., Jakobs, F., & Nikitka, M. (2019). Where tradition meets public sector innovation: a Rwandan case study for Results-Based Approaches. *Third World Quarterly*, 40(7), 1340-1358.

Intego zihariye: Ni intego zigaragaza uko ibipimo bizagerwaho cyane cyane nk'icyerekezo cy'urugendo ruzafasha kugera ku ntego nkuru. Impinduka zifuzwa kubonwa nyuma y'igihe runaka. Iyi ntego ishobora guhurirwaho n'ibikorwa by'inzego za Leta, abikorera cyangwa imiryango itegamiye kuri reta.

Impinduka zigomba kugerwaho: Ni impinduka zishobora gupimwa mu buryo butandukanye zigerwaho bitewe no gushyira mu bikorwa intego zihariye. Impinduka zigaragazwa n'ishyirwa mu bikorwa rw'ibyateganyijwe kandi zigapimwa halurikizwe ibipimo byabugenewe. Buri mpinduka iba ifite ibipimo bitandukanye bizafasha mu kuyigeraho. Kumenya ko impinduka yagezweho bishobora gukorwa mu bushakashatsi cyangwa muri raporo zitandukanye zitangwa mu gusuzuma gahunda z'iterambere.

Ibipimo ngenderwaho: Ni ibipimo bigaragazwa mu buryo bw'imibare bikoresheye mu gupima ibyagezweho. Bipimwa mu gihe cy'ubushakashatsi cyangwa bigakurwa muri raporo n'amasuzuma atandukanye akorwa muri gahunda z'ikurikiranabikorwa.

8. Umusozo



Mu gusoma iyi nyandiko, bigaragara ko abakurikirana iterambere n'imibereho myiza y'abaturage bakwiriye kumenya ibipimo bigenderwaho mu gukurikirana uko ibikorwa bitandukanye by'urusobe rw'ibibwira bishyirwa mu bikorwa aho bakorerwa. Isuzuma n'ikurikiranabikorwa n'ingenzi cyane kugira ngo abantu bisuzume bamenye aho bashyira imbaraga kurushaho. Kugira ngo igenamigambi ryose rishoboke nuko rigira ibipimo rigenderaho. Niko bimeze rero no mu bikorwa byo gukurikirana urusobe rw'ibibwira. Gukangurira abatuye ibice by'umujyi uburyo bukwiye bwo kubungabunga urusobe rw'ibibwira n'ishingiro ryo kubonera abatuye utwo duce ibibatunga ndetse n'imibereho myiza bihagije. Ibipimo biri muri iyi nyandiko byafasha buri rwego mu zihuriye mu matsinda agamije kubungabunga urusobe rw'ibibwira mu rwego rw'Akarere gukora ubukangurambaga, igenamigambi, ikurikirabikorwa n'isuzuma ry'uko gahunda zo kubungabunga urusobe rw'ibibwira no gufasha abatuye imijyi n'ibice biyegereye kubona ibibwira bihagije zishyirwa mu bikorwa.

9. Izindi nyandiko n'imbuga wasoma



1. <https://www.oecd.org/food-systems>
2. <https://www.fao.org/climate-smart-agriculture-sourcebook/production-resources/module-b10-value-chains/chapter-b10-2/en/>
3. <https://www.uidaho.edu/extension/county/payette/community-food>
4. Ndahiro, I. (2015). Explaining Imihigo performance in Gicumbi District, Rwanda: the role of citizen participation and accountability (2009-2014). *Research Paper, Institute of Social Sciences, The Hague*, 1-46.

5. Klingebiel, S., Gonsior, V., Jakobs, F., & Nikitka, M. (2019). Where tradition meets public sector innovation: a Rwandan case study for Results-Based Approaches. *Third World Quarterly*, 40(7), 1340-1358.

Imigereka



Imbonerahamwe y'ibipimo ngenderwaho mu kubungabunga urusobe rw'ibiribwa

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
Kurushaho kugira ubuzima bwiza n'imibereho myiza no kugira ubushobozi bwo kubona ibiribwa n'imirire yuzuye.				
	Abatuye mu bice by'ibyarwo n'imigi bose bafite ubushobozi bwo kubona ibiribwa, bibahagije, bifite intungamubiri, byujuje ubuziranenge, biboneye, kandi binyuranye brimo intungamubiri kandi bakagira imirire myiza			
		Ubushobozi bw'abaturage: Urwego rw'ubushobozi bw'abatishoboye/ igice cy'abinjiza amafaranga make mu batuye mu gice cy'umujyi bwo kugura no gutegura indyo yuzuye.		
			1. [Impinduka mu] Mubare y'amaguriro y'ibiribwa aherereye cyangwa ari hafi y'abaturage binjiza amafaranga make adandaza imbuto n'imboga bigisarurwa. 2. [Igabanuka ry'] Intera iri hagati y' urugo rw'umuturage n'iguriro ry'ibiribwa byujuje ubuziranenge ridandaza ku byiciro byinjiza amafaranga ku byiciro bitandukanye (cyangwa se urwego rw'ubushobozi bwo kugera ku iguriro ry'ibiribwa byujuje ubuziranenge uturutse kuri 1km na none bizwi ku izina rya “ ahantu hataba iguriro ry'ibiribwa.”) 3. [Impinduka mu] Mubare w'imihanda ihuza abaturage binjiza make n'ahantu hari amaguriro y'ibiribwa 4. [Igabanuka mu] Mubare n'ijanisha ry'ingo zitabasha kubona ububiko bukwiye bw'ibiribwa ndetse n'ibikenerwa mu guteka ibiribwa (ku matsinda yinjiza amafaranga ku byiciro bitandukanye) 5. [Izamuka ry'] Umubare w'ingo (mu mujyi no mu cyaro; ni ukuvuga abahinzi bahinga ku buso bwisanzwe n'abahinzi bahinga ku buso buto) babasha kweza ingano runaka y'ibiribwa bakeneye. 6. [Izamuka ry'] Ijanisha ry'Ingo zibasha kwihaza mu biribwa hashingiwe ku ngano y'ibyo bafungura ubipimye cyangwa urebeye ku gaciro kabyo k'ubukungu.	[Igitabo gisanzwe] cyandikwamo amakuru y'ubucuruzi bw'ibiribwa kibitswe n'ubuyobozi bw'umujyi cyangwa urwego rushinzwe ubucuruzi [Igitabo gisanzwe] cyandikwamo amakuru y'ubucuruzi bw'ibiribwa kibarizwa mu matsinda ashinzwe ubugenzunzi bw'ubuziranenge bw'ibiribwa [Ibyegeranyo bisanzwe cyangwa Bishya] ku baturage binjiza amafaranga make,

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
		Ubushobozi bwo guhaha: Ibyerekeye ibiribwa bihahwa n'amafaranga abigendaho ku byiciro by'abaturage bitandukanye batuye mu muji (harimo n'ibyiciro by'abatishoboye)		
			7. [Impinduka ku] Biciro by'ibicuruzwa by'ibiribwa bitandukanye byatunganirijwe mu nganda cyangwa ibihingwa bigisarurwa byifashishwa mu gutunganya ibicuruzwa by'ibiribwa byaba ibiboneka imbere mu gihugu cyangwa hanze y'igihugu) 8. [Impinduka ku] Ngano y'amafaranga umuguzi w'ibiribwa akoresha hagendewe ku byiciro by'amafaranga yinjizwa n'amatsinda atandukanye igihe bahaha ibiribwa by'ibanze (imbuto, imboga, inyama, amata, ibinyampeke, ibinyamisogwe) 9. [Igabanuka ry'] Igiciro cy'ibiribwa byujuje ubuziranenge mu isoko riri hafi aho - (ibi bishobora kugereranywa n'inzego z'impuzandengo z'amafaranga yinjizwa n'ibyiciro byihariye.) 10. [Impinduka ku] mahitamo/ubushake bw'umuguzi bwo kwishyura ibicuruzwa by'ibiribwa mu muji/ mu cyaro 11. [Impinduka ku] Mubare w'amasaha y'akazi kishyurwa igihembo kigereranyije gikwiye kugirango urugo rubashe guhaha igitebo cy'ibiribwa byujuje ubuziranenge bikenewe ku giciro gito gishoboka. 12. [Izamuka ry'] Umubare n'ibyiciro by'abantu bafashwa na gahunda zigamije gutaga ubufasha bw'ibiribwa 13. [Igabanuka ry'] Umubare n'ibyiciro by'abantu bakeneye imfashanyo y'ibiribwa ku buryo bwihutirwa 14. [Impinduka mu] Mubare w'abaturage bafashwa na gahunda zibungabunga imibereho myiza y'abaturage zishinzwe kwegereza abaturage ibiribwa.	[Raporo isanzwe] yerekeye ku kugemura ibiribwa mu karere, uburyo bwihuse bwo kubigeza ku baturage, umusaruro w'ibiribwa n'amasoko by'imbere mu gihugu – Ubuyobozi bw'Igihugu cyangwa bw'Akarere, Imiryango Itari iya Leta, ibiro bishinzwe ubuhinzi. [Ibyegeranyo bishya] byakozwe ku bushobozi bwo guhaha ibiribwa n'amafaranga abigendaho ku ngo zinjiza amafaranga make. [Icyegeranyo gishya] ku giciro cy'ibiribwa ugereranyije ibiciro byabyo ahantu bidandazwa mu baturage ukabihuza n'inzego zitandukanye z'amafaranga yinjizwa n'amatsinda yihariye. [Raporo isanzwe] yerekeye kwihaza mu biribwa, kubona ibiribwa ku buryo bwihutirwa, amakuru agezweho ya gahunda zishinzwe gutanga imfashanyo n'inkunga y'ibiribwa, ibyegeranyo bishingiye ku giciro cy'igitebo cy'ibiribwa, - ubuyobozi bukuru bw'igihugu n'inzego z'ibanze, Imiryango Itari iya Leta. [Amakuru asanzwe] yerekeye uburyo bwo kubungabunga imibereho myiza y'abaturage – ubuyobozi bukuru bw'igihugu n'inzego z'ibanze, Imiryango Itari iya Leta. [Ubushakashatsi bwakozwe] ku icuruzwa ry'ibiribwa mu baturage n'isoko ry'imbere mu gihugu – Amashami cyangwa ibigo bishinzwe iterambere ry'Ubukungu imbere mu gihugu/ gahunda z'imbere mu gihugu/zo ku rwego rw'akarere zishinzwe gutanga ubufasha bw'ibiribwa

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
		Ubuzima n'imibereho myiza n' ibyerekeye imirire: Indwara ziterwa n'Imirire mibi n'Uko ubuzima bwo mu mutwe no ku mubiri muri rusange buhagaze bigendanye n'imirire mu baturage babarizwa mu bice byihariye.		
			15. [Izamuka ry'] Ijanisha ry'ingo zifite ikibazo cy'ibiribwa 16. [Impinduka ku] Ngano (basket) ikwiye y'ibiribwa urugo rukeneye ku biribwa by'ibanze (imbuto, imboga, inyama, amata, ibinyampeke, ibinyamisogwe)/ ibiribwa byujuje ubuziranenge hashingiwe ku mafaranga itsinda ryinjiza 17. [Impinduka ku] ngano y'ibiribwa urugo rukeneye n'amafaranga abitungurwaho ku biribwa byatunguririjwe mu nganda n'ibiribwa ugura biteguye ku matsinda ashingiye ku mafaranga yinjiza 18. [Impinduka mu] Mibare n'ijanisha ry'ingo zikoresha nibura imigabane 5 y'imbuto n'imboga ku munsu (hashinigiye ku mafaranga icyo cyiciko cyinjiza) 19. [Igabanuka ry'] Umubare w'abantu bagura ibiryo byamaze gutegurwa/byo mu nganda babiguzeye inshuro zirenze imwe mu cyumweru/indi nshuro imwe; ifunguro rimwe/ku munsu. 20. [Igabanuka ry'] Imibare y'abantu bakuru n'abana barwaye diyabete yo ku rwego rwa 2 (bose hamwe n'ijanisha ry'abaturage ku byiciro bishingiye ku mafaranga binjiza) 21. [Igabanuka ry'] Imibare y'abantu bakuru n'abana barwaye izindi ndwara ziterwa n'imirire mibi (bose hamwe n'ijanisha ry'abaturage ku byiciro bishingiye ku mafaranga binjiza) 22. [Igabanuka ry'] Umubare w'abana bagwingiye cyangwa bazingamye 23. [Igabanuka ry'] Umubare w'abana (bazahajwe) n'imirire mibi. 24. [Igabanuka ry'] Umubare w'abantu bakuru, * ingimbi n'abangavu n'abana bafite umubyibuho ukabije 25. [Izamuka ry'] Umubare w'ababyeyi bonsa	[Imibare isanzwe] ku rwego rw'igihugu no ku rwego rw'ibanze ku byerekeye umutekano w'ibiribwa, n'uko ubuzima n'imirire bihagaze. [Raporo isanzwe] ku biribwa urugo ruhaha n'imirire – inzego z'ibanze, ubuzima rusange, Imiryango Itari iya Leta, ibigo byita ku kubungabunga ubuzima no gutanga imfashanyo.
		Ibipimo ngenderwaho by'imirire n'amategako abigenga: Uko inganda, abadandaza, n'abakora mu byerekeye imirire bageza ibiribwa byujuje ubuziranenge ku baturage (harimo n'uburyo rusange bwo kugeza ibiribwa ku baturage)		
			27. [Izamuka ry'] Umubare w'abahawe uruhushya ku mwaka rwo gutunganya no kugemura ibiribwa kubera ko bubahirije ibipimo ngenderwaho mu mirire (inganda, abadandaza n'abandi bagemura ibiribwa)	[Amakuru asanzwe] ku rwego rw'ibanze no ku rwego rw'igihugu atangwa n'ubuyobozi cyangwa inzego zifite mu nshingano gutanga impushya ku

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: Icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
			28. [Igabanuka ry'] Imibare y'ibinyobwa by'amasukari byacurujwe ku mwaka bigurishwa amatsinda yihariye (Urug. mu bitaro no mu bigo by'amashuri) 29. [Izamuka] Ku mwaka ry'imibare na gahunda zitandukanye zigamije gutezimbere ibiribwa bikungahaye ku ntungamubiri (Urug.kugemurira ibigo cyangwa abaturage muri rusange) 30. [Izamuka] rya politiki n'amategeko agamije guteza imbere ibyifashishwa mu gutunganya ibiribwa byujuje ubuziranenge 31. [Impinduka ku] mubare n'ijanisha ku mwaka ry'abana bagerwaho na gahunda zo kugaburira abanyeshuri ku bigo by'amashuri. 32. [Izamuka ry'] Umubare w'ibicuruzwa by'ibiribwa bitunganyijwe bifite ikirango gisobanutse (ibyifashishwa mu gutunganya ibiribwa, aho bituruka, umwimerere n'ibindi) 33. [Izamuka ry'] Umubare wa politiki na gahunda zikurikiza Amabwiriza Agenga Imirire mu Rwanda * cyangwa Izindi Gahunda z'Igihugu zishinzwe umutekano w'ibiribwa 'Imirire 34. [Izamuka ry'] Umubare wa politiki na Gahunda z'ibikorwa zihamye zigamije kugeza ibiribwa mu baturage zirimo gushyirwa mu bikorwa	byerekeye ibipimo ngenderwaho by'imirire (niba ayo makuru ahari) [Imibare isanzwe] ku rwego rw'Igihugu igaragaza uko ibinyobwa birimo isukari binyobwa n'amatsinda y'abatishoboye [Ibyegeranyo bishya] bigendereye amatsinda yihariye [Amakuru asanzwe] atangwa n'inzego zishinzwe iyamamazabikorwa ku rwego rw'igihugu cyangwa ibigo bishinzwe kwita ku buziranenge bw'ibiribwa cyangwa ibigo bishinzwe kubungabunga ubuzima rusange cyangwa imiryango ishinze ubukangurambaga ku mirire/Imiryango itari iya Leta [Imibare isanzwe] itangwa na gahunda y'igihugu yo kugaburira abana ku mashuri, ubuyobozi ku rwego rw'igihugu, n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze, imfashanyo y'ibiribwa, Imiryango Itari iya Leta n'iibigo, inzego zishinzwe Uburezi [Amakuru asanzwe] yerekeye itsinda rishinzwe umutekano w'ibiribwa; ibigo by'ubushakashatsi ku biribwa; gahunda cyangwa ibigo byamamaza ubucuruzi bw'ibiribwa, inzego zishinzwe gutanga impushya ku bakora ibijyanye n'ibiribwa. [Amabwiriza asanzwe] *Agenga Imirire mu Rwanda [Amakuru asanzwe] yerekeye politiki yo ku rwego rw'igihugu n'urw'ibanze yo kugemura ibicuruzwa – Imiryango Itari iya Leta, gahunda y'igihugu ku rwego rw'igihugu n'urw'ibanze yo kugemura ibicuruzwa cyangwa amashami ashinzwe ubuhinzi; [Imibare isanzwe] yo ku rwego rw'igihugu n'urw'inzego z'ibanze arebana n'amasezerano kugemura ibiribwa mu baturage.

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
				[Ibiganiro bishya] n'inzego z'ibanze, inzego z'ubuzima n'uburezi ku rwego rw'ibanze
		Ubukangurambag: Urwego rw'imyumvire abatuye mu muji bariho mu bijyanye n'ubumenyi rusange n'ubumenyigiro ku ndyo n'ibiribwa biboneye, binyuranye, bifite intungamubiri kandi byujuje ubuziranenge.		
			35. [Izamuka ry'] Amahirwe y'ubumenyi ngiro ku byerekeye imirire butangwa ku rwego rw'ibanze mu baturage (amasomo yo guteka, inyigisho ku mirire, guhinga neza ibiribwa) 36. [Izamuka ry'] Umubare w'abatuye mu muji bagira uruhare mu bikorwa byo gukangurira abaturage kugira imirire myiza (kwigisha, ubukangurambaga, guhinga ibiribwa, gutunganya ibiribwa cyangwa kubyamamaza, guhanahana amakuru, n'ibindi.) 37. [Izamuka ry'] Umubare wa gahunda zigamije kwigisha ibyerekeye ibiribwa ku buryo abaturage basobanukirwa neza urusobe rw'ibiribwa harimo kwigisha ku buzima n'inyigisho zihamye mu i) mashuri makuru; ii) amashuri y'imyuga n'ubumenyigiro 38. [Izamuka ry'] Umubare w'abaturage biga mu i) mashuri makuru ; ii) amashuri y'imyuga n'ubumenyigiro 39. [Izamuka ry'] Umubare wa serivisi zikorera abandi bantu bakora mu bijyanye n'ubusobe rw'ibiribwa (abahinzi borzoi, abatetsi, abacuruza ibiribwa, abakora politiki) bose bakaba bafatwa nk'abarezi 40. [Izamuka ry'] Umubare w'amashuri yigisha kurya indyo ifite intungamubiri, imirire myiza no guteka neza 41. [Izamuka ry'] Umubare wa gahunda zigisha ubworozi mu bigo by'amashuri 42. [Izamuka ry'] Umubare w'abanyeshuri bagira uruhare muri gahunda mu burezi bujyanye n'ubworozi mu bigo by'amashuri 43. [Impinduka mu] mu bakeneye ubumenyi ku ndyo ifite intungamubiri ku byiciro bitandukanye by'imyaka abantu barimo ndetse n'amatsinda ashingiye ku mafaranga yinjiza. 44. [Izamuka ry'] Umubare n'ibyiciro (urubiruko, abagore, abantu bakuru, abimukira, amatsinda ashingiye ku mafaranga yinjiza) by'abantu bahinda (igice cy') ibiribwa bakenera mu buryo bumwe cyangwa ubundi kandi ahantu hatandukanye mu muji	[Amakuru asanzwe] atangwa na gahunda zigamije kwita ku mibereyo myiza; amashami ashinzwe igenamigambi n'ubuzima rusange mu nzego z'ibanze, Imiryango itari iya Leta ikora mu rwego ry'ubuzima, amatsinda atandukanye agezwaho ibiribwa. [Raporo zisanze] zituruka mu bakorana batandukanye mu bijyanye n'ibiribwa mu muji cyangwa imiryango y'abaturage ikorera mu byerekeye ibiribwa cyangwa Imiryango Itari iya Leta. [Icyegeranyo gishya] cy'uburezi ku mirire, amashuri makuru, abatanga uburezi mu mashuri makuru n'amashuri y'imyuga n'ubumenyigiro, ku byerekeye ibiribwa ; isuzuma ryerekeye abigisha n'amasomo agomba gutangwa [Isuzuma risanzwe] rya serivisi z'uburezi mu mashuri, gahunda na raporo zirimo kurya neza, imirire no guteka, gahunda zo gukora ubworozi mu mashuri, n'ibindi [Ibyegeranyo bishya] ku burezi bwerekeye ibiribwa mu mashuri. [Ishami risanzwe] ry'ubuhinzi rishinzwe amakuru mu nzego z'ibanze , Information local government agricultural department, amatsinda n'abakorana batandukanye mu buhinzi bukorera mu muji no mu cyaro cy'umujyi, ibigo n'Imiryango Itari iya Leta bitera inkunga [Ibyegeranyo bishya] byakozwe ku baturage cyangwa ingo

Intego nkuru	Umusaruro ukenewe: icyerekezo cy'urugendo	Impinduka zikenewe: ingingo z'ingenzi zigomba gusuzumwa	Ibipimo ngenderwaho	Inyandiko zakwifashishwa
